



Ikinyamakuru N°29/2016;

Taliki ya 11–20 Ukwakira 2016

Ryoherejwe kuwa 22 Ukwakira 2016

Ingingoz'ingenzi:

- Igiteranyo cy'invura yabonetse kuva taliki 11 kugeza taliki 20 z'ukwezi k'Ukwakira 2016; cyagaragaje imvura iri munsi y'isanzwe iboneka;
- Igabanuka ry'ububobere bw'ubutaka mu bice byose by'Ighugu.
- Hateganijwe ibicu bidatanga imvura muri iyi minsi ya mbere y'ighembwe cyanyuma y'Ukwakira 2016


I. Iriburiro

- a) Imbonerahamwe irererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu gihembwe cya kabiri (11-20) cy'ukwezi k'Ukwakira 2016 ndetse n'invura dusanzwe tubona muri uku kwezi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'invura kuri buri bupimiro (muri mm)


| Ubupimiro | 11-20 Ukwakira 2016 | 11-20 Ukwa kira |
|--------------------------|------------------------|-----------------------|
| Kigali | 4.3 | 32.3 |
| Rusizi (Kamembe) | 18.3 | 53 |
| Rubavu (Gisenyi) | 4.9 | 47.9 |
| Nyamagabe (Gikongoro) | 0 | 36 |
| Ngoma (Kibungo) | 2 | 33.5 |
| Gicumbi (Byumba) | 22.7 | 39.7 |
| Busogo | 9.5 | 56.2 |
| Bugarama | 11.6 | 42.6 |
| Musanze (Ruhengeri) | 9.5 | 59.6 |
| Gitega | 3 | 37.6 |
| Rubengera | 14.5 | 44.4 |
| Byimana | 4.2 | 40 |
| Kawangire | 0.8 | 36.8 |
| Nyagatare | 2.8 | 41.7 |

Imbonerahamwe ya!




- b) **Ubusesenguzi ku mvura yaguye:** Ikarita zikurikira zigereranya imvura yaguye mu gihembwe cya 2 cy'Ukwakira 2016; imvura isanzwe igwa mu gihembwe cya 2 cy'Ukwakira, imvura yaguye mu gihembwe cyakibanjirije (ighembwe cya 1) ndetse n'invura isanzwe igwa mur'icyo gihe.


Ikarita ya1: Imvura yaguye 11–20 Ukwakira 2016




Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa hagati ya 11-20 Ukwakira



Ikarita ya3: Imvura yaguye 01–10 Ukwakira 2016



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa hagati ya 01-10 Ukwakira



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu hagati ya 11-20 Ukwakira 2016 mu buryo burambuye

Iminsi itanu (5) yakurikiranye nta mvura niyo iboneka ku bupimiro bwinshi mu gihugu , iminsi imvura yaguyemo ntiyabashije kugeza ku kigereranyo cy'imbura dusanzwe tubona muri iyi minsi:

a) Intara y'Iburasirazuba

Ubupimiro bwose buhagarariye iyi Ntara bwerekanye imvura iri munsi y'iyo dusanzwe tubona; Ubupimiro bwa Nyagatare nibwo bwagaragaje imvura nyinshi muri iyi Ntara nayo nto cyane kuyari isanzwe ihaboneka kuko habonetse ingana na kimwe cya 20 ($\frac{1}{20}$)cy'iyari isanzwe ihaboneka

b) Intara y'Amajyaruguru

Ubupimiro bwose buhagarariye iyi Ntara bwerekanye imvura iri munsi y'iyo dusanzwe tubona; Ubupimiro bwa Gicumbi nibwo bwagaragaje imvura nyinshi mu gihugu cyose ingana na mm22.7 (reba **Imbonerahambwe1**); nayo nto kuyari isanzwe ihaboneka

c) Intara y'Amajyepfo

Ubupimiro bwose buhagarariye iyi Ntara bwerekanye imvura iri munsi y'yo dusanzwe tubona; Ubupimiro bwa Nyamagabe bwari busanzwe buzwiho kugira imvura nyinshi, ntibwabonye imvura muri iyi mins i cumi (10) ishize (reba **Imbonerahambwe1**)

Turabona imvura nyinshi muri iyi Ntara ku Bupimiro bwa Byimana nayo nto cyane kuyari isanzwe ihaboneka kuko habonetse ingana na kimwe cya $\frac{1}{10}$ cy'iyari isanzwe ihaboneka

d) Intara y'i Burengerezuba


Ubupimiro bwose buhagarariye iyi Ntara bwerekanye imvura iri munsi y'yo dusanzwe tubona; amajyepfo y'yi Ntara niho hagaragaye imvura nyinshi muri iyi Ntara (Ubupimiro bwa Rusizi bwabonye mm18.3 n'ubwa Rubengera ingana na mm14.5); nayo nto cyane kuyari isanzwe ihaboneka

e) Umujyi wa Kigali

Mu mujyi wa Kigali uhagarariwe n'ubupimiro 2 (Gitega na Kigali) wabonye imvura iri munsi y'isanzwe igwa; imvura iri mu kigerero cyo hasi cyane y'isanzwe ihaboneka kuko ku bupimiro bwombi iyabonetse iri mu kigereranyo cya kimwe cya 10

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Mu gihembwe cya kabiri cy'Ukwakira 2016 ntago habonetsemo imvura ihagije yo gukomeza kubobereza ubutaka; nubwo igihembwe cya mbere cyabonetsemo imvura nyinshi ku bupimiro bwose (reba **Ikarita3&4**); habonetse iminsi micye ikurikirana itabonekamo imvura yatumye ububobere bugabanuka (nkuko amafoto y'icyogajuru **Ikarita5&6** abyerekana)

Mu bice byinshi by'ighugu habonetse igabanuka ry'ububobere rishobora kudindiza ibihingwa hatabayeho kubyuhira amazi yafashwe mu gihe cy'imvura (Iki gihembwe-A cy'Ihinga ry'Umuhindo kigomba gufashwa mu kwhuhira kuko kizagira imvura nke mu bice byinshi by'ighugu nkuko tubisanga mu kanyamakuru k'iteganyagihe ry'ighembwe "2016_SOND Seasonal forecasting"

Ighembwe cya gatatu ari nacyo cyanyuma cy'uku kwezi kw'Ukwakira 2016 harateganywa iminsi yambere ifite imvura nke mu gihugu. Abahinzi bakaba bagirwa inama yo gukomeza kuhira imyaka muri iyi mins i tarimo imvura nyinshi yakwangiza imyaka

b) Iteganyagihe ry'ighembwe cya gatatu (nyuma) cy'Ukwakira 2016

Ighembwe cya gatatu ari nacyo cyanyuma cy'uku kwezi kw'Ukwakira 2016 harateganywa iminsi yambere ifite imvura nke mu gihugu:

Umujyi wa Kigali; hateganijwe imvura nke mu mpera z'uku kwezi k'Ukwakira.

Intara y'Uburasirazuba; hateganijwe imvura nke mu gice cy'amajyaruguru ndetse n'imvura mu Ntara yose mu mins i ya nyuma y'uku kwezi.

Intara y'Uburengerezuba; hateganijwe imvura nke iri ku kigereranyo cy'isanzwe igwa.

Intara y'Amajyaruguru; hateganijwe imvura nke n'ubugabanuke ku ngano y'imvura ku gipimo cy'iyari isanzwe igwa.

Intara y'Amajyepfo; hateganijwe imvura nke mu mpera z'uku kwezi k'Ukwakira; naho uburengerezuba bw'iyi Ntara bukazabona imvura ishobora kwyongera ikagera ku kigereranyo cy'iyari isanzwe ihaboneka

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi, iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)